Jeunesse

Cl

/B.J./M.Z./

REPUBLIQUE RWANDAISE

MINISTERE DE LA JEUNESSE

ET DES SPORTS

B.P. 1044 - KIGALI

Kigali, le 13/05/1980

N° 875 /12.04

Pauline
me chercher un exemplaire du thème de la D.G. Sp. et 1 autre de la D.G. Jeun.
20/5/80
(tout)

Monsieur le Ministre de l'Intérieur

K I G A L I

**Objet:** Préparation Séminaire des Bourgmestres.

Monsieur le Ministre,

Référence faite à votre lettre n°345/03.09.01/16 du 11/03/1980 relative à l'objet repris en marge, j'ai l'honneur de porter à votre connaissance que le Ministère de la Jeunesse et des Sports a retenu les deux thèmes suivants en Kinyarwanda :

1° Guteza Sporo imbere mu cyaro.

2° Ibikorwa by'Urubyiruko mukuzamura amajyambere y'Igihugu.

Ces thèmes seront développés respectivement par Messieurs SEMATEKA Claude, Directeur Général des Sports et Loisirs et KANYARUSHOKI Claver, Directeur de l'Encadrement et Formation.

Veuillez trouver ci-joint le texte de chaque thème en trois exemplaires.

Colonel Aloys NSEKALIJE

Ministre de la Jeunesse

et des Sports.-

RÉPUBLIQUE RWANDAISE – MINISTÈRE DE LA JEUNESSE & DES SPORTS

**C.P.I.à:**

- Son Excellence Monsieur le Président de la République Rwandaise
  K I G A L I
- Monsieur le Secrétaire Général du M.R.N.D.
  K I G A L I
- Monsieur le Ministre (Tous)
  K I G A L I

/K.CL./M.Z./

## IKIGANIRO CYA MINISTERI Y'URUBYIRUKO N'IMIKINO MW'IHUGURWA LYA BA BURGUMESTRI (1980)

Mbanje gushimira cyane Ministeri y'Ubutegetsi bw'Igihugu ihora itegura umwanya wo guhuza abategetsi ba za Komini n'Abayobozi b'inzego nkuru za MRND ni za Ministeri, kugirango barebere hamwe ibimaze ku gerwaho, mu majyambere ya Komini, ingorane bahura nazo, umuti ukwiye wo kuzivura no kureba ibikwiye kwitabwaho mu gihe kili imbere, kugirango intego ya Muvoma yacu yo kugeza u Rwanda ku majyambere muli byose igerweho vuba.

Ikiganiro cya Ministeri y'Urubyiruko n'Imikino kilimo ibice bibili:

- hali icyerekeye ibikorwa by'Urubyiruko mukuzamura amajyambere y'Igihugu
- hali n'igice cyerekeye Imikino n'imyidagaduro.

Murabona rero ko ibyo bice bikulikije na none amashami abili y'ingenzi asanzwe agize iyi Ministeri. Mu gice cya mbere, ibyo tugiye kubabwira ni ibi :

1) Imiterere y'Ubuyobozi bukuru bw'Urubyiruko (Direction Générale de la Jeunesse)
2) Umwanya Urubyiruko rufite mu guharanira amajyambere y'Igihugu.
3) Ibikorwa Ministeri imaze kugeraho
4) Ibyo Ministeri iganaije gukora
5) Ibibazo by'ingenzi Urubyiruko ruhura nabyo
6) Ubulyo ibyo bibazo byabonerwa umuti.

### 1. Imiterere y'Ubuyobozi Bukuru bw'Urubyiruko (Direction Générale de la Jeunesse)

- Ubuyobozi bukuru bw'Urubyiruko (Direction Générale de la Jeunesse) bushinzwe cyane cyane :
  - gushaka ukuntu Urubyiruko rwakwibumbira hamwe mu bikorwa by'amajyambere,
  - gushakashaka uburyo bwateza imbere imilimo y'Urubyiruko,
  - kwigira hamwe n'abandi cyangwa izindi "services" kugirango hashyirweho amategeko arengera Urubyiruko.

Kugirango iyo milimo migali ishobore gukorwa neza, Diregiteri Jenerali afashwa n'Abadiregiteri babili.

- Uwambere ashinzwe kwiga imishinga yose y'Urubyiruko n'ibyo rugomba gukora kugirango rugere ku majyambere ( Directeur de la Planification).

  Uyu nawe afashwa n'undi mukozi ushinzwe gutegura no gukora anketi na statistiki (Chef de Bureau Enquêtes et Statistiques). Agomba kumenya umubare w'Urubyiruko Ministeri yacu ishinzwe (kuva ku myaka cumi kugeza kuli 24), umubare n'ubwoko bw'ibikorwa by'urwo Rubyiruko.

.../...

- Undi Mudiregiteri ni ushinzwe kuyobora, kujijura no guhugura Urubyiruko. Niwe ushinzwe kwiga no gukora programu z'inyigisho zigomba kuhabwa Urubyiruko rwavuye mu mashuli n'urutarayigezemo. Agomba kandi kwita kukuyobora ibikorwa by'Urubyiruko rugamije amajyambere n'ibyerekeye imyidagaduro y'Urubyiruko (Directeur de l'Encadrement et Formation). Murako kazi afashwa n'abandi babili :

Umwe ashinzwe : - kwakira raporo zituruka mu makomini na Prefegitura
- kumenya ibibazo by'amashyirahamwe y'Urubyiruko agamije kwongera umusaruro (G.S.E.)
- kumenya ibibazo bya Mouvements de Jeunesse nka JOC, SCOUTS, ABASAVERI, UGA, n'izindi nkizo.

Uwo akitwa "Chef de Division Encadrement".

Undi ashinzwe gutegura no gukoresha programu zo kwigisha no guhugura Urubyiruko mu bigo byarugenewe. Uwo ni "Chef de Bureau Formation". Abo babili banyuma mvuze aliko nabo bafite abandi benshi babafasha muli iyo milimo.

Muli abo halimo n'abo muzi bakora muli Prefegitura : Ankadereri wa Prefegitura, abakora muli Sous-Prefegitura n'abakora muli Komini alibo ba Ankadereri ba Komini 143 usibye ko hali Komini nkeya zitabafite ubu biturutse akenshi ku bukene bwa Komini zidashobora kubahemba. Dufite na ba Ankaderesi 8 ba Sous-Prefegitura.

2. <u>Akazi Ministeri ishinzwe n'umwanya Urubyiruko rufite mu guharanira amajyambere.</u>

Prezida wa Republika ayishyiraho iyi Ministeri muli Kanama 1973 yavuze ko umulimo wa mbere ishinzwe ali ugukangura Urubyiruko rutashoboye kujya mu mashuli n'urwayavuyemo kare cyane, kurutoza gukunda no gukorera igihugu, no kurutegura kwitunga neza mu buzima.

Ubwo buzima kandi abenshi babugilira mu byaro, nicyo gituma rugomba guhabwa inyigisho cyane zerekeye ubuhinzi, ubukolikoli no gukorera hamwe mu bikorwa bigamije amajyambere. Yongeye kubyibutsa muli Diskuru-Programu yo kuwa 8 Mutarama 1979 agira ati: "Naho Urubyiruko rutashoboye gukulikira amashuli, Leta izihatira kurwigisha imyuga ishobora kuruteza imbere. Twavuze kenshi ko umulimo wa mbere wa Ministeri y'Urubyiruko n'Imikino ali ugukangura Urubyiruko rutagiye mu mashuli, bakaruha inyigisho zigamije amajyambere, cyane cyane ishingiye k'ubuhinzi n'ubworozi".

Ubungubu Urubyiruko rufite imyaka 10 kugeza kuli 24 rugize 30% by'abaturarwanda bose, naho dufashe abantu babili mu kigero cy'abashobora gukora (population active) kuva ku myaka 10 kugeza kuli 59), urwo Rubyiruko dusanga ali 50%.

Murumva rero ko ali igice kinini cy'abagomba gukorera igihugu ngo kigere ku majyambere nyakuli, ni ikigega k'imbaraga zitagira uko zingana zigomba gukoreshwa mu kuzamura Igihugu duhereye mubyaro cyane izo ngufu ziganje.

Kugirango kandi Ministeri y'Urubyiruko n'Imikino ishobore kugera kuli iyo ntego yashinzwe, yahise itangira gutegura imishinga yo kuzamura Urubyiruko; ishyiraho abantu bagomba gukangura no gushyigikira Urubyiruko rukorera hamwe mu migi no mu byaro; ishinga n'ibigo bigishilizamo Urubyiruko ubuhinzi, imyuga n'ibindi.

3. <u>Ibyo Ministeri imaze kugeraho.</u>

Ikimara gushyirwaho, yahise igenderera za Prefegitura na za Komini kugirango imenye ibihali ishobora guheraho n'ibyo ishobora gukora kugirango irangize neza ibyo yashinzwe. Yatangiliye mu kwigisha Abayobozi 10 b'Urubyiruko (umwe muli buli Prefegitura), barangije i MURAMBI muli 1973.

Muli 1974 no muli 1975, Abayobozi 143 bahawe inyigisho zerekeye akazi bagomba gukora mu makomini i MURAMBI n'i KAVUMU (Nyabisindu), barangije amezi atatu baherako bajya gutangira akazi buli muntu muli Komini ye.

Umwaka ushize (1979) na none higishijwe abasore n'inkumi mugihe cy'amezi icyenda i MURAMBI, kugirango bazafatanye n'abo navuze haruguru, aliko bo bakayobora Urubyiruko rwa za Sous-Prefegitura.

Kubera ingorane zaturutse ku Iteka rya Prezida n°254/03 lyo kuwa 25 Ugushyingo 1975 lishyiraho amategeko agenga Abakozi ba Komini ryatumye Abayobozi b'Urubyiruko begulirwa Komini, cyane cyane zaturutse ku mishahara, Komini zimwe zananiwe kubahemba, bamwe barasezera abandi balirukanwa. Mu kwezi kwa Werurwe 1978, niho abasore 25 barangije inyigisho zabagenewe i KAVUMU, kugirango bajye gusimbura abo bagiye.

Na none mu byerekeye iby'ihugurwa, mu mpera z'umwka wa 1975, i Remera muli Prefegitura ya Kigali habereye iteraniro (Séminaire) ryahuje Abayobozi ba Ministeri n'abandi bantu bose bashyigikiye cyangwa se bakora imilimo yita k'Urubyiruko. Nilyo lyafashije Ministeri y'Urubyiruko n'Imikino gutegura neza Pla y'Amajyambere y'iyi myaka itanu tugiye kurangiza. Mu by'ingenzi, iyo Pla yali yateganije ibi bikulikira :

- kubaka no gushyigikira ibigo 123 byo guhuguliramo abaturage alibyo twitaga CARA.
- Gukangura no gutera inkunga Urubyiruko rwose rwa KIBUNGO.
- Kubaka Ingoro y'Urubyiruko i KIGALI.
- Gushyiraho Isanduku yo kuguliza no gufasha Urubyiruko ruhinga n'urworora.
- Gufasha Urubyiruko gucuruza umusaruro warwo.
- N'ibindi.

Ministeri kandi yagombaga gukangura Urubyiruko rwo mu Rwanda rwose no kuruha inyigisho zigamije amajyambere cyane cyane mu by'ubuhinzi, ubworozi n'ubukolikoli.

Muli ibyo byose twageze kuki ?

- Ibyerekeye ibigo byo guhugura abaturage bose mu makomini, twagombaga gufashwamo na za Ministeri zose zifite abakozi muli Komini, byeguliwe Ministeri y'Imizamukire y'Abaturage na za Koperative.
- Umushinga wo kubaka ibigo 20 byo kwigishilizamo Urubyiruko wahuye n'ingorane zo kubura amafaranga. Abanyamahanga twayasabye ntacyo bigeze badusubiza, n'abali baratwemereye bose bisubiyeho.

.../...

Abo n'Abanyakanada (132.000.000 FRW) bagombaga kubaka ibigo by'i GACULIRO (KIGALI) na KITABI (GIKONGORO).

Abanyamerika bagomba kudufasha kubaka ibigo bilindwi muli Prefegitura byo guhuguliramo Urubyiruko rwibumbiye hamwe muli Pré-coopérative (345.000.000 FRW), ntibadushubije.

- Umushinga wo gutera inkunga Urubyiruko rwose rwa KIBUNGO wakoze umwaka umwe n'igice gusa, ahasigaye uhagalikwa n'ukunaniranwa kwa Leta n'umuntu AIDR yali yashyizeho kuyobora uwo mushinga wahabwaga amafaranga na UNICEF. Iyi nayo yahise ihagalika ayo mafaranga, isaba Ministeri ko yazashyira uyu mushinga mu bikorwa CCDFP zigomba gukora.
- Ingoro y'Urubyiruko igomba guhugulirwamo abayobozi b'Urubyiruko igakorerwamo n'ibindi bintu byinshi birureba nko kumulikiramo ibintu biva mu bukolikoli, yaruzuye, twafashijwe kuyubaka n'inshuti zacu z'Abakoreya (ba Ruguru), yatashywe kuli 15 Mata 1980.
- Umushinga w'Isanduku yo kuguliza no gufasha Urubyiruko ruhinga n'urworora nawo warakozwe, woherezwa muli Canada (ACDI) yali yadufashije no kuwukora, aliko bigeze aho bahindulira ya mafaranga muli Banki z'Abaturage ngo abe alimo tuzayasanga. Ntibyatunyuze, nicyo gituma tugishakashaka abandi bashobora kubidufashamo, kuko uwo mushinga ali ingirakamaro kandi utubabaje.
- Umushinga wo gufasha Urubyiruko gucuruza umusaruro warwo; Uretse ibikorwa biba hirya no hino muli za Prefegitura, hali imishinga ibili y'ingenzi igamije gucuruza umusaruro w'Urubyiruko cyane cyane urwibumbiye hamwe, iyo ni :

  Umulyango witwa FAJECOP ukorera i Kigali mu nzu watijwe na Ministeri y'Urubyiruko n'Imikino.

  Hali n'undi mushinga watangiwe n'abayobozi b'Urubyiruko n'Imikino muli Prefegitura ya Byumba ugamije guhuliza hamwe amashyirahamwe y'Urubyiruko kugirango bakore Koperative icuruza iby'ayo mashyirahamwe yose yejeje.

  Uwo mushinga ubungubu dusa n'abawuhaliye Ministeri y'Imizamukira y'Abaturage na za Koperative, kuko twasanze ko Koperative, yitwa "Union des Coopératives de BYUMBA".

Mubyerekeye kwigisha no guhugura Urubyiruko, Ministeri y'Urubyiruko n'Imikino ifite ibigo 29 Urubyiruko rwigiramo, bifite abana hafi 4.000, irashaka gushinga bihamye ibigo bine by'Urubyiruko yihaliye : GACULIRO na KABARE muli Prefegitura ya KIGALI, SHYOGWE muli Prefegitura ya GITARAMA, na KARAGO muli Prefegitura ya GISENYI.

Ibindi byose uko ali 25 byashinzwe n'Abagira neza, cyane cyane abihaye Imana. Ministeri ikabatera inkunga muli byose cyane cyane ihemba abalimu ikanatanga n'ibikoresho. Mboneyeho gushimira abo bagira neza, nk'abita ku bigo by'abasukuti i BUTARE, ab'i GAHANGA, i KISARO, i BUTAMWA n'ahandi.

- Mvuze ko Ministeri itanga abakozi, impuguke n'ibikoresho: muli ibyo bigo 29 mvuze halimo abalimu n'abandi bakozi barenze ijana bahembwa na Ministeri y'Urubyiruko n'Imikino.

.../...

- Haliho n'ibindi Ministeri imaze kugeraho byiza nk'ishyirahamwe ntangarugero ly'Urubyiruko muli GIKONGORO lihuje amakomini atandatu :

NSHILI, KIVU, RWAMIKO, MUBUGA, RUNYINYA, na NYAKIZU.

Ayo makomini ya nyuma akaba ali aya Prefegitura ya BUTARE.

Ligamije kwigisha Urubyiruko guhinga kijyambere, kurwanya isuli no kworora amatungo magufi. Kugirango uwo mushinga utungane Umulyango ushinzwe ubutwererane mu by'umuco na tekinike aliwo AGECOOP, ufite intebe yawo i Paris mu Bufransa, waduhaye amafaranga arenga 12.000.000 muli 1978 na 8.000.000 muli 1979. (Aho uwo mushinga ugereye, tumaze guha urubyiruko inkwavu 600, inkoko 600, ingurube 300 n'ihene 285 utuyungiro, ibiti, imbaho , ibilibwa by'amatungo n'ibindi).

4. <u>IBYO MINISTERI IGAMIJE GUKORA.</u>

<u>Mu gihe cya vuba</u> :

- Mukwezi kwa Gicurasi 1980 hazaba seminali izabera i KIGALI.
  Iyo seminali izahuza abakozi ba Ministeri nyinshi duhulira mu kazi, Abayobozi b'Urubyiruko muli Prefegitura no muli Superefegitura, Abihaye Imana n'Abagiraneza bandi bita n'Urubyiruko.
  Iyo Seminali, uretse amasomo tuzakuramo, izadufasha no gutegura Plan ya gatatu y'Amajyambere y'Igihugu itaha ya 1982 - 1986.
- Mu ntangiliro za Kanama 1980, kuva kw'italiki ya kabili kugeza kuya kalindwi, abayobozi b'ibigo by'Urubyiruko bazihugulira i Kigali.
- Kwita kurushaho ku bigo by'Urubyiruko by'i Shyogwe, Gaculiro, Kabare na Karago nkuko byavuzwe haruguru. Ministeri yifuzako ibyo bigo byabera ibindi byose urugero ali mu nyigisho ali no mu bikorwa. Bikabera ndetse isoko y'ubumenyi n'urugero by'Urubyiruko rwamakomini ane cyangwa atanu ya hafi ya buli kigo.
- Gutegura imishinga ya Plan y'amajyambere ya gatatu y'Igihugu 1982 - 1986.

<u>Mu gihe Kirekire</u> :

- Mu gihe kiringaniye, Ministeri ilifuza gushinga muli buli Prefegitura ikigo kimwe cyabera ibindi byose byo muli iyo Prefegitura urugero.
- Nyuma yaho, ikagerageza gushinga muli buli Komini ikigo kimwe cy'Urubyiruko.
- Ilifuza ko ibigo-ntangarugero byakorwa muli buli Prefegitura.
- Ilifuza kohereza buli mwaka mu mahanga impuguke ngo zihugure birusho nko mu BULAYI, no mu bindi bihugu cyane cyane iby'AFRIKA. Ibyo bizaterwa n'umwete n'inkunga bene iyo mishinga izaterwa mu nama ntegura-butwererane.

<u>IBIBAZO URUBYIRUKO RUHURA NABYO</u>

Murabona rero ko Urubyiruko ruhura n'ibibazo byinshi cyane, aliko ibibabaje cyane ni nk'ibi :

- Kubura ubutaka bwahingwa cyangwa urwuli, n'ubutaka rubonye ntibwere.
- Imihanda ihuza za Segiteri ni mike n'ihali ni mibi muli za Komini.
- Kudashyigikirwa n'abashinzwe kuyobora Komini.

.../...

- Kubura aho bagulishiliza umusaruro wejejwe n'Urubyiruko.
- Urubyiruko rwangiwe n'ubuzima bwo mu byaro rwifatira inzira yo mu mugi, kenshi rukahatesekera.
- Ministeri y'Urubyiruko n'Imikino ntishobora gufata mu ntege uko ibishaka Urubyiruko rwose ngo iruterе inkunga. Ababona imfashanyo y'iyo Ministeri ni bake cyane kubera ubuke bwa bije Leta iha Ministeri, n'ubushake buke bw'abanyamahanga bwo kwinjira mu bikorwa byose bireba Urubyiruko mu byaro.

- Abashinzwe gukangura Urubyiruko bacika intege bitewe :
  * N'amashuli make bamwe muli bo bafite n'ubushobozi n'ubwitange buke.
  * Benshi muli bo kandi nta nzu bakoreramo, n'abayafite nta bikoresho bafite bihagije.
  Hali n'abamara amezi arenze atandatu nta mushahara n'umwe babonye.
  * Komini ni nini cyane, bigatuma Abayobozi b'Urubyiruko batita bihagije k'Urubyiruko rwose rwa Komini.
  * Ubwumvikane buke bw'Abategetsi muli Komini zimwe na zimwe nabwo budindiza Urubyiruko.
- Ubuhemu bwa bamwe mu bashinzwe amashyirahamwe, nk'abiba umutungo wa bene wabo, abategetsi ntibabahane, ibyo bituma abandi banyamuryango bacika intege, bigatuma imilyango y'Urubyiruko isenyuka, kenshi na kenshi.
  Ikindi iyo abanyamuryango batumvikana ubwabo, ntacyo bageraho.

- Amashyirahamwe y'Abakobwa kenshi cyane asenyuka iyo bagiye gushyingirwa ntibabone ababasimbura bahuje amatwara. Byongeye kandi bene ayo mashyirahamwe aracyali make cyane mu RWANDA.

<u>UKUNTU IBYO BIBAZO BISHAKIRWA UMUTI</u>

- Ibyo bibazo byose bigaragazwa muli za raporo zose za Ministeri buli mwaka. Byongeye kandi maze kubabwira mu magambo make, ukuntu Ministeri igeragеza gukora akazi ishinzwe n'ubwo ibibazo ali byinshi, kandi biyikomereye cyane.

- Twavuga ko kugeza ubu ubushobozi bwa Ministeri budahagije na gato ukulikije ibya ngombwa Komini, Prefegitura, Imilyango n'Ibigo by'Urubyiruko bisaba buli mwaka. Kenshi amashyirahamwe y'Urubyiruko abura udufranga tw'ifatizo, akabura amasambu, akabura n'ibikoresho, akabura inkunga y'Abategetsi. Ubwo Urubyiruko rukiheba, rugatezuka k'umurego no mu migambi yarwo yo kwizamura no kuzamura Igihugu.

- Twakwifuza ko Urubyiruko rwashyigikirwa cyane, bije ya Ministeri bakayongera, iyo Ministeri ikabona kugaragaza mu bikorwa ko Urubyiruko ali imbaraga nyamwinshi z'Igihugu cyacu.

..../...

- Twiyemejo ko ibyo bitatubuza gukoresha uko dushoboye utwo duke baduha, no gutera inkunga nyayo Urubyiruko, ali mu burere, ali no mu mashyirahamwe rukora mu mijyi cyangwa se mu byaro.

- Ibyo, tuzi neza ko tuzabifashwamo n'Abayobozi b'Urubyiruko bahuguwe cyane mu nzego zose, kugirango barusheho kumenya neza ibibazo no kubishakira umuti ukwiye. Bityo Urubyiruko, u Rwanda rw'ejo, rukaboneraho kuramba mu miterere, mu mimerere no mu mibereho myiza.

Mubibazo twabonye Urubyiruko rukunda guhura nabyo, twasanze ko halimo kimwe ndetse muby'ingenzi gica Urubyiruko n'abaruyobora intege, alicyo cyerekeye Ubwumvikane buke bw'abategetsi ba Komini zimwe na zimwe, ugasanga Burgumestri ntiyumvikana na Ankadereri, bigatuma amwima ibiro, ibikoresho n'umushahara we, ntagire icyo yashobora kwimalira ngo abe yagira n'icyo amalira Urubyiruko.
Ahandi, usanga abategetsi ba Komini basa nkabo batumva akamaro ko kwita k'Urubyiruko, batazi ingufu urwo rubyiruko rulyamanye, baramutse bazikoresheje neza byimazeyo byageza Komini n'Igihugu cyose ku majyambere vuba, bagatererana Ankadereri, n'abaramutse bamuhaye ibikoresho byo mu biro, ntibamufashe mu gukangura no gushakira ibikorwa byagilira akamaro Urubyiruko.
Aha nagirango mbibutse bimwe mu byo mwabwiwe mu kiganiro cya Ministeri y'Ubutegetsi bw'Igihugu mw'Ihugurwa lyanyu lyo mu mpera za 1976 no mu ntangiliro ya 1977, aho bavuga ibyo Burgumestri ashinzwe : "Ashinzwe kuzamura amajyambere ya Komini mu bukungu, mu mubano n'ubujijuke, akabigenzurwamo n'ubutegetsi bwa Prefegitura.
Ahangaha niho ngombwa kwibutsa ba Burgumestri ko babazwa ikintu cyose kibaye muli Komini bashinzwe.
Abavuga ngo Segiteri ifite umujyanama uyishinzwe ntacyo njya kumarayo, balibeshya ! Muli segiteri umujyanama ahagaraliye Burgumestri aliko nta hamusimbura".
Ibyo bivuzwe ku Mujyanama wa Segiteri nanjye nabivuga ku rubyiruko.
Ntabwo Burgumestri n'Abafasha be bagomba kwigurutsa ibibazo by'Urubyiruko ngo rufite Ankadereri azirwaneho abirangize wenyine.
Ababikora baba bibeshya rwose, bagombye kwisubiraho bagakorera Komini byimazeyo ntihagire abibwira ko hali igice cy'abayituye badashinzwe.

Nongeye kugaruka ku kiganiro mwagiliwe na Ministeri y'Ubutegetsi bw'Igihugu, kubyerekeye ubulyo bugomba gukoreshwa kugirango abategetsi ba Komini barangize neza imilimo bashinzwe, "Abayobozi ba Komini bagomba gufatanya n'impuguke zose zili muli Komini cyangwa se Segiteri" muli izo mpuguke halimo abakozi Komini zishyiliraho ubwazo, akaba ali nazo zibihembera.

.../...

Muli abo bakozi ashaka kuvuga abagengwa na stati y'abakozi ba Komini yashyizweho n'iteka lya Prezida n°254/03 lyo kuwa 25 Ugushyingo 1975, nabo balimo ba Ankadereri b'Urubyiruko bahagaraliye Ministeri y'Urubyiruko n'Imikino.

Muli icyo kiganiro babibukije ko "mugomba kubahiliza amategeko abagenga kugirango bajye bakorana umutima mwiza imilimo bashinzwe.

Mugomba kubahembera igihe kugirango bashobore kwimara ubukene n'inzara.

Muzi neza ko umushonji ntacyo ashobora gukora.

"Dossiers zabo zigomba gufatwa neza buli gihe... Byongeye kandi mujye mwibuka ko kwirukana abakozi atalicyo gihano cyonyine kibaho muli za stati n'amategeko yose agenga abakozi (Art. 32 ya stati)...

Ndetse igihano cyo guhagalikwa no kwirukanwa ku mulimo kigomba gutangwa n'inama ya Komini. Kikemerwa na Prefe. Umukozi uregwa agomba guhamagarwa mu nama kugirango yiregure (aburane na dosiye ye !).

- Gutanga buli kwezi pansiyo y'umukozi muli caisse sociale.

"Birakwiye lero ko mbere yo gutanga akazi mwajya mushaka abakandida benshi, mukabaha ibizamini na none aliko mutibagiwe no gusuzuma imibereho n'imyifatire ya buli mukandida, noneho abafite amanota ya mbere akaba alibo babanza guhabwa umulimo.

Igihe tulimo sicyo kwihera akazi nkunzi gusa. Byongeye kandi Inama ya Komini niyo itanga akazi muli Komini".

Ndabona ibyo bitekerezo bitagira amakemwa, n'icyo nakwilirwa nongeraho kirekire, uretse ko mbibutsa ko hali Iteka lya Prezida lishyira ba Ankadereri b'Urubyiruko mu maboko ya Komini, hali n'Itegeko ligenga Komini, ntabyagombye kuvundirwaho bidakulikije ayo mategeko.

Ministeri y'Urubyiruko n'Imikino yo ibemereye ko izakora uko ishoboye kugirango ibyerekeye Tekinike mu kazi no guhugurwa kw'Abayobozi b'Urubyiruko bigende neza, nayo rero irabasaba gutunganya ibibazo twabonye bishobora kuba bibaturukaho kandi byica akazi bikanadindiza ibikorwa by'Urubyiruko rw'URWANDA.

Murakoze.

/K.Cl./G.S./

## IKIGANIRO CYA MINISTERI Y'URUBYIRUKO N'IMIKINO

## MW'IHUGURWA LYA BA BURGUMESTRI (1980)

=-=-=-=-=-=-=-=-=-=-=-=-=-=-=-=-=-=-=-=-==

Mbanje gushimira cyane Ministeri y'Ubutegetsi bw'Igihugu ihora itegura umwanya wo guhuza abategetsi ba za Komini n'abayobozi b'inzego nkuru za MRND ni za Ministeri, kugirango barebere hamwe ibimaze ku gerwaho, mu majyambere ya Komini, ingorane bahura nazo, umuti ukwiye wo kuzivura no kureba ibikwiye kwitabwaho mu gihe kili imbere, kugirango intego ya Muvoma yacu yo kugeza u Rwanda ku majyambere muli byose igerweho vuba.

Ikiganiro cya Ministeri y'Urubyiruko n'Imikino kilimo ibice bibili :

- hali icyerekeye ibikorwa by'Urubyiruko mukuzamura amajyambere y'Igihugu
- hali n'igice cyerekeye Imikino n'imyidagaduro.

Murabona rero ko ibyo bice bikulikije na none amashami abili y'ingenzi asanzwe agize iyi Ministeri. Mu gice cya mbere, ibyo tugiye kubabwira ni ibi :

1) Imiterere y'Ubuyobozi bukuru bw'Urubyiruko (Direction Générale de la Jeunesse)
2) Umwanya Urubyiruko rufite mu guharanira amajyambere y'Igihugu.
3) Ibikorwa Ministeri imaze kugeraho
4) Ibyo Ministeri igamije gukora
5) Ibibazo by'ingenzi Urubyiruko ruhura nabyo
6) Ubulyo ibyo bibazo byabonerwa umuti.

### 1. Imiterere y'Ubuyobozi Bukuru bw'Urubyiruko (Direction Générale de la Jeunesse)

- Ubuyobozi bukuru bw'Urubyiruko (Direction Générale de la Jeunesse) bushinzwe cyane cyane :
  - gushaka ukuntu Urubyiruko rwakwibumbira hamwe mu bikorwa by'amajyambere,
  - gushakashaka uburyo bwateza imbere imilimo y'Urubyiruko,
  - kwigira hamwe n'abandi cyangwa izindi "services" kugirango hashyirweho amategeko arengera Urubyiruko.

Kugirango iyo milimo migali ishobore gukorwa neza, Diregiteri Jenerali afashwa n'Abadiregiteri babili.

.../...

- Uwambere ashinzwe kwiga imishinga yose y'Urubyiruko n'ibyo rugomba gukora kugirango rugere ku majyambere (Directeur de la Planification).
  Uyu nawe afashwa n'undi mukozi ushinzwe gutegura no gukora anketi na statistiki (Chef de Bureau Enquêtes et Statistiques). Agomba kumenya umubare w'Urubyiruko Ministeri yacu ishinzwe(kuva ku myaka cumi kugeza kuli 24), umubare n'ubwoko bw'ibikorwa by'urwo Rubyiruko.

- Undi Mudiregiteri ni ushinzwe kuyobora, kujijura no guhugura Urubyiruko. Niwe ushinzwe kwiga no gukora programu z'inyigisho zigomba guhabwa Urubyiruko rwavuye mu mashuli n'urutarayigezemo. Agomba kandi kwita kukuyobora ibikorwa by'Urubyiruko rugamije amajyambere n'ibyerekeye imyidagaduro y'Urubyiruko (Directeur de l'Encadrement et Formation). Murako kazi afashwa n'abandi babili :
  Umwe ashinzwe : - kwakira raporo zituruka mu makomini na Prefegitura
  - kumenya ibibazo by'amashyirahamwe y'Urubyiruko agamije kwongera umusaruro (G.S.E.)
  - kumenya ibibazo bya Mouvements de Jeunesse nka JOC, SCOUTS, ABASAVERI, UGA, n'izindi nkizo.

Uwo akitwa "Chef de Division Encadrement".
Undi ashinzwe gutegura no gukoresha programu zo kwigisha no guhugura Urubyiruko mu bigo byarugenewe. Uwo ni "Chef de Bureau Formation". Abo babili banyuma mvuze aliko nabo bafite abandi benshi babafasha muli iyo milimo.
Muli abo halimo n'abo muzi bakora muli Prefegitura : Ankadereri wa Prefegitura, abakora muli Sous-Prefegitura n'abakora muli Komini alibo ba Ankadereri ba Komini.
Ni ukuvuga rero ko hali ba Ankadereri ba Prefegitura 10 n'aba Ankadereri ba Komini 143 usibye ko hali Komini nkeya zitabafite ubu biturutse akenshi ku bukene bwa Komini zidashobora kubahemba. Dufite na ba Ankadereri 8 ba Sous-Prefegitura.

2. <u>Akazi Ministeri ishinzwe n'umwanya Urubyiruko rufite mu guharanira amajyambere.</u>

Prezida wa Republika ayishyiraho iyi Ministeri muli kanama 1973 yavuze ko umulimo wa mbere ishinzwe ali ugukangura Urubyiruko rutashoboye kujya mu mashuli n'urwayavuyemo kare cyane, kurutoza gukunda no gukorera igihugu, no kurutegura kwitunga neza mu buzima.

Ubwo buzima kandi abenshi babugilira mu byaro, nicyo gituma rugomba guhabwa inyigisho cyane zerekeye ubuhinzi, ubukolikoli no gukorera hamwe mu bikorwa bigamije amajyambere. Yongeye kubyibutsa muli Diskuru-Programu yo kuwa 8 mutarama 1979 agira ati : "Naho Urubyiruko rutashoboye gukulikira amashuli, Leta izihatira kurwigisha imyuga ishobora kuruteza imbere. Twavuze kenshi ko umulimo wa mbere wa Ministeri y'Urubyiruko n'Imikino ali ugukangura Urubyiruko rutagiye mu mashuli, bakaruha inyigisho zigamije amajyambere, cyane cyane ishingiye k'ubuhinzi n'ubworozi".

Ubungubu Urubyiruko rufite imyaka 10 kugeza kuli 24 rugize 30 % by'abaturarwanda bose, naho dufashe abantu bakili mu kigero cy'abashobora gukora (population active) kuva ku myaka 10 kugeza kuli 59), urwo Rubyiruko dusanga ali 50 %.

Murumva rero ko ali igice kini cy'abagomba gukorera igihugu ngo kigere ku majyambere nyakuli, ni ikigega k'imbaraga zitagira uko zingana zigomba gukoreshwa mu kuzamura Igihugu duhereye mu byaro cyane izo ngufu ziganje.

Kugirango kandi Ministeri y'Urubyiruko n'Imikino ishobore kugera kuli iyo ntego yashinzwe, yahise itangira gutegura imishinga yo kuzamura Urubyiruko; ishyiraho abantu bagomba gukangura no gushyigikira Urubyiruko rukorera hamwe mu migi no mu byaro; ishinga n'ibigo bigishilizamo Urubyiruko ubuhinzi, imyuga n'ibindi.

3. Ibyo Ministeri imaze kugeraho.

Ikimara gushyirwaho, yahise igenderera za Prefegitura na za Komini kugirango imenye ibihali ishobora guheraho n'ibyo ishobora gukora kugirango irangize neza ibyo yashinzwe. Yatangiliye mu kwigisha Abayobozi 10 b'Urubyiruko (umwe muli buli Prefegitura), barangije i MURAMBI muli 1973.

Muli 1974 no muli 1975, Abayobozi 143 bahawe inyigisho zerekeye akazi bagomba gukora mu makomini i MURAMBI n'i KAVUMU (Nyabisindu), barangije amezi atatu baherako bajya gutangira akazi buli muntu muli Komini ye.

Umwaka ushize (1979) na none higishijwe abasore n'inkumi mugihe cy'amezi icyenda i MURAMBI, kugirango bazafatanye n'abo navuze haruguru, aliko bo bakayobora Urubyiruko rwa za Sous-Prefegitura.

Kubera ingorane zaturutse ku Iteka rya Prezida n°254/03 lyo kuwa 25 ugushyingo 1975 lishyiraho amategeko agenga Abakozi ba Komini ryatumye Abayobozi b'Urubyiruko begulirwa Komini, cyane cyane zaturutse ku mishahara, Komini zimwe zananiwe kubahemba, bamwe barasezera abandi balirukanwa. Mu kwezi kwa werurwe 1978, niho abasore 25 barangije inyigisho zabagenewe i KAVUMU, kugirango bajye gusimbura abo bagiye.

Na none mu byerekeye iby'ihugurwa, mu mpera z'umwaka wa 1975, i Remera muli Prefegitura ya Kigali habereye iteraniro (Séminaire) ryahuje Abayobozi ba Ministeri n'abandi bantu bose bashyigikiye cyangwa se bakora imilimo yita k'Urubyiruko.

Nilyo lyafashije Ministeri y'Urubyiruko n'Imikino gutegura neza Pla y'Amajyambere y'iyi myaka itanu tugiye kurangiza. Mu by'ingenzi, iyo Pla yali yateganije ibi bikulikira :

- kubaka no gushyigikira ibigo 123 byo guhuguliramo abaturage alibyo twitaga CARA.
- Gukangura no gutera inkunga Urubyiruko rwose rwa KIBUNGO.
- Kubaka Ingoro y'Urubyiruko i KIGALI.
- Gushyiraho Isanduku yo kuguliza no gufasha Urubyiruko ruhinga n'urworora.
- Gufasha Urubyiruko gucuruza umusaruro warwo.
- N'ibindi.

Ministeri kandi yagombaga gukangura Urubyiruko rwo mu Rwanda rwose no kuruha inyigisho zigamije amajyambere cyane cyane mu by'ubuhinzi, ubworozi n'ubukorikori.

Muli ibyo byose twageze kuki ?

- Ibyerekeye ibigo byo guhugura abaturage bose mu makomini, twagombaga gufashwamo na za Ministeri zose zifite abakozi muli Komini, byeguliwe Ministeri y'Imizamukire y'Abaturage na za Koperative.
- Umushinga wo kubaka ibigo 20 byo kwigishilizamo Urubyiruko wahuye n'ingorane zo kubura amafaranga. Abanyamahanga twayasabye ntacyo bigeze badusubiza, n'abali baratwemereye bose ntibisubiyeho. Abo n'Abanyacanada (132.000.000 FRW) bagombaga kubaka ibigo by'i GACULIRO (Kigali) na KITABI (Gikongoro).

  Abanyamerika bagomba kudufasha kubaka ibigo bilindwi muli Prefegitura byo guhuguliramo Urubyiruko rwibumbiye hamwe muli pré-coopérative (345.000.000 FRW), ntibadushubije.

- Umushinga wo gutera inkunga Urubyiruko rwose rwa Kibungo wakoze umwaka umwe n'igice gusa, ahasigaye uhagalikwa n'ukunaniranwa kwa Leta n'umuntu AIDR yali yashyizeho kuyobora uwo mushinga wahabwaga amafaranga na UNICEF. Iyi nayo yahise ihagalika ayo mafaranga, isaba Ministeri ko yazashyira uyu mushinga mu bikorwa CCDFP zigomba gukora.

- Ingoro y'Urubyiruko igomba guhugulirwamo abayobozi b'Urubyiruko igakorerwamo n'ibindi bintu byinshi birureba nko kumulikiramo ibintu biva mu bukolikoli, yaruzuye, twafashijwe kuyubaka n'inshuti zacu z'Abakoreya (ba Ruguru), yatashywe kuli 15 mata 1980.

- Umushinga w'Isanduku yo kuguliza no gufasha Urubyiruko ruhinga n'urworora nawo warakozwe, woherezwa muli Canada (ACDI) yali yadufashije no kuwukora,aliko bigeze aho bahindulira ya mafaranga muli Banki z'Abaturage ngo abe alimo tuzayasanga. Ntibyatunyuze, nicyo gituma tugishakashaka abandi bashobora kubidufashamo, kuko uwo mushinga ali ingirakamaro kandi utubabaje.

- Umushinga wo gufasha Urubyiruko gucuruza umusaruro warwo; Uretse ibikorwa biba hirya no hino muli za Prefegitura, hali imishinga ibili y'ingenzi igamije gucuruza umusaruro w'Urubyiruko cyane cyane urwibumbiye hamwe, iyo ni :
  Umulyango witwa FAJECOP ukorera i Kigali mu nzu watijwe na Ministeri y'Urubyiruko n'Imikino.
  Hali n'undi mushinga watangiwe n'abayobozi b'Urubyiruko n'Imikino muli Prefegitura ya Byumba ugamije guhuliza hamwe amashyirahamwe y'Urubyiruko kugirango bakore Koperative icuruza iby'ayo mashyirahamwe yose yejeje.
  Uwo mushinga ubungubu dusa n'abawuhaliye Ministeri y'Imizamukire y'Abaturage na za Koperative, kuko twasanze ko Koperative zose ali iz'abasore ali n'izabakuru, zigomba gufatanya iyo Koperative, yitwa "Union des Coopératives de Byumba".

Mubyerekeye kwigisha no guhugura Urubyiruko, Ministeri y'Urubyiruko n'Imikino ifite ibigo 29 Urubyiruko rwigiramo, bifite abana hafi 4.000, irashaka gushinga bihamye ibigo bine by'Urubyiruko yihaliye : Gaculiro na Kabare muli Prefegitura ya KIGALI, SHYOGWE muli Prefegitura ya GITARAMA, na KARAGO muli Prefegitura ya GISENYI.

.../...

Ibindi byose uko ali 25 byashinzwe n'Abagira neza, cyane cyane abihaye Imana. Ministeri ikabatera inkunga muli byose cyane cyane ihemba abalimu ikanatanga n'ibikoresho. Mbonyeho gushimira abo bagira neza, nk'abita ku bigo by'abasukuti i BUTARE, ab'i GAHANGA, i KISARO, i BUTAMWA n'ahandi.

- Mvuze ko Ministeri itanga abakozi, impuguke n'ibikoresho: muli ibyo bigo 29 mvuze halimo abalimu n'abandi bakozi barenze ijana bahembwa na Ministeri y'Urubyiruko n'Imikino.

- Haliho n'ibindi Ministeri imaze kugeraho byiza nk'ishyirahamwe ntangarugero ly'Urubyiruko muli GIKONGORO lihuje amakomini atandatu :
  NSHILI, KIVU, RWAMIKO, MUBUGA, RUNYINYA, na NYAKIZU.
  Ayo makomini ya nyuma akaba ali aya Prefegitura ya BUTARE.
  Ligamije kwigisha Urubyiruko guhinga kijyambere, kurwanya isuli no kworora amatungo magufi. Kugirango uwo mushinga utungane Umulyango ushinzwe ubutwererane mu by'umuco na tekinike aliwo AGECOOP, ufite intebe yawo i Paris mu Bufransa, waduhaye amafranga arenga 12.000.000 muli 1978 na 8.000.000 muli 1979. (Aho uwo mushinga ugereye, tumaze guha urubyiruko inkwavu 600, nkoko 600, ingurube 300 n'ihene 285 utuyungiro, ibiti, imbaho, ibilibwa by'amatungo n'ibindi).

.../...

## 4. IBYO MINISTERI IGAMIJE GUKORA.

Mu gihe cya vuba :

- Mukwezi kwa Gicurasi 1980 hazaba Seminali izabera i Kigali.

  Iyo Seminali izahuza abakozi ba Ministeri nyinshi duhulira mu kazi, Abayobozi b'Urubyiruko muli Prefegitura no muli Superefegitura, Abihaye Imana n'Abagiraneza bandi bita k'Urubyiruko.

  Iyo Seminali, uretse amasomo tuzakuramo, izadufasha no gutegura Plan ya gatatu y'Amajyambere y'Igihugu itaha ya 1982 - 1986.

- Mu ntangiliro za Kanama 1980, kuva kw'italiki ya kabili kugeza kuya kalindwi, abayobozi b'ibigo by'Urubyiruko bazihugulira i Kigali.

- Kwita kurushaho ku bigo by'Urubyiruko by'i Shyogwe, Gaculiro, Kabare na Karago nkuko byavuzwe haruguru. Ministeri yifuzako ibyo bigo byabera ibindi byose urugero ali mu nyigisho ali no mu bikorwa. Bikabera ndetse isoko y'ubumenyi n'urugero by' Urubyiruko rwamakomini ane cyangwa atanu ya hafi ya buli kigo.

- Gutegura imishinga ya Plan y'amajyambere ya gatatu y'Igihugu 1982-1986.

Mu gihe Kirekire:

- Mu gihe kiringaniye, Ministeri ilifuza gushinga muli buli Prefegitura ikigo kimwe cyabera ibindi byose byo muli iyo Prefegitura urugero.
- Nyuma yaho, ikagerageza gushinga muli buli Komini ikigo kimwe cy'Urubyiruko.
- Ilifuza ko ibigo-ntangarugero byakorwa muli buli Prefegitura.
- Ilifuza kwohereza buli mwaka mu mahanga impuguke ngo zihugure biruseho nko mu BULAYI, no mu bindi bihugu cyane cyane iby'AFRIKA. Ibyo bizaterwa n'umwete n'inkunga bene iyo mishinga izaterwa mu nama ntegura-butwererane.

### IBIBAZO URUBYIRUKO RUHURA NABYO

Murabona rero ko Urubyiruko ruhura n'ibibazo byinshi cyane, aliko ibibabaje cyane ni nk'ibi :

- Kubura ubutaka bwahingwa cyangwa urwuli, n'ubutaka rubonye ntibwere.
- Imihanda ihuza za Segiteri ni mike n'ihali ni mibi muli za Komini.
- Kudashyigikirwa n'abashinzwe kuyobora Komini.

..../...

- Kubura aho bagulishiliza umusaruro wejejwe n'Urubyiruko.
- Urubyiruko rwananiwe n'ubuzima bwo mu byaro rwifatira inzira yo mu mugi, kenshi rukahatesekera.
- Ministeri y'Urubyiruko n'Imikino ntishobora gufata mu ntege uko ibishaka Urubyiruko rwose ngo irutere inkunga. Ababona imfashanyo y'iyo Ministeri ni bake cyane kubera ubuke kwa bije Leta iha Ministeri, n'ubushake buke bw'abanyamahanga bwo kwinjira mu bikorwa byose bireba Urubyiruko mu byaro.

- Abashinzwe gukangura Urubyiruko bacika intege bitewe :
  * N'amashuli make bamwe muli bo bafite n'ubushobozi n'ubwitange buke.
  * Benshi muli bo kandi nta nzu bakoreramo, n'abayafite nta bikoresho bafite bihagije. Hali n'abamara amezi arenze atandatu nta mushahara n'umwe babonye.
  * Komini ni nini cyane, bigatuma Abayobozi b'Urubyiruko batita bihagije k'Urubyiruko rwose rwa Komini.
  * Ubwumvikane buke bw'Abategetsi muli Komini zimwe na zimwe nabwo budindiza Urubyiruko.
- Ubuhemu bwa bamwe mu bashinzwe amashyirahamwe, nk'abiba umutungo wa bene wabo, abategetsi ntibababahane, ibyo bituma abandi banyamuryango bacika intege, bigatuma imilyango y'Urubyiruko isenyuka, kenshi na kenshi.
  Ikindi iyo abanyamuryango batumvikana ubwabo, ntacyo bageraho.
- Amashyirahamwe y'Abakobwa kenshi cyane asenyuka iyo bagiye gushyingirwa ntibabone ababasimbura bahuje amatwara. Byongeye kandi bene ayo mashyirahamwe aracyali make cyane mu RWANDA.

## UKUNTU IBYO BIBAZO BISHAKIRWA UMUTI

- Ibyo bibazo byose bigaragazwa muli za raporo zose za Ministeri buli mwaka.
  Byongeye kandi maze kubabwira mu magambo make, ukuntu Ministeri igerageza gukora akazi ishinzwe n'ubwo ibibazo ali byinshi, kandi biyikomereye cyane.
- Twavuga ko kugeza ubu ubushobozi bwa Ministeri budahagije na gato ukulikije ibya ngombwa Komini, Prefegitura, Imilyango n'Ibigo by'Urubyiruko bisaba buli mwaka. Kenshi amashyirahamwe y'Urubyiruko abura udufranga tw'ifatizo, akabura amasambu, akabura n'ibikoresho, akabura inkunga y'Abategetsi. Ubwo Urubyiruko rukiheba, rugatezuka k'umurego no mu migambi yarwo yo kwizamura no kuzamura Igihugu.

.../...

- Twakwifuza ko Urubyiruko rwashyigikirwa cyane, bije ya Ministeri bakayongera, iyo Ministeri ikabona kugaragaza mu bikorwa ko Urubyiruko ali imbaraga nyamwinshi z'Igihugu cyacu.

- Twiyemeje ko ibyo bitatubuza gukoresha uko dushoboye utwo duke baduha, no gutera inkunga nyayo Urubyiruko, ali mu burere, ali no mu mashyirahamwe rukora mu mijyi cyangwa se mu byaro.

- Ibyo, tuzi neza ko tuzabifashwamo n'Abayobozi b'Urubyiruko bahuguwe cyane mu nzego zose, kugirango barusheho kumenya neza ibibazo no kubishakira umuti ukwiye. Bityo Urubyiruko, u Rwanda rw'ejo, rukaboneraho kuramba mu miterere, mu mimerere no mu mibereho myiza.

Mubibazo twabonye Urubyiruko rukunda guhura nabyo, twasanze ko halimo kimwe ndetse muby'ingenzi gica Urubyiruko n'abaruyobora intege, alicyo cyerekeye Ubwumvikane buke bw'abategetsi ba Komini zimwe na zimwe, ugasanga Burgumestri ntiyumvikana na Ankadereri, bigatuma amwima ibiro, ibikoresho n'umushahara we, ntagire icyo yashobora kwimalira ngo abe yagira n'icyo amalira Urubyiruko.

Ahandi, usanga abategetsi ba Komini basa nkaho batumva akamaro ko kwita k'Urubyiruko, batazi ingufu urwo rubyiruko rulyamanye, baramutse bazikoresheje neza byimazeyo byageza Komini n'Igihugu cyose ku majyambere vuba, bagatererana Ankadereri, n'abaramutse bamuhaye ibikoresho byo mu biro, ntiba mufashe mu gukangura no gushakira ibikorwa byagilira akamaro Urubyiruko.

Aha nagirango mbibutse bimwe mu byo mwabwiwe mu kiganiro cya Ministeri y'Ubutegetsi bw'Igihugu mw'Ihugurwa lyanyu lyo mu mpera za 1976 no mu ntangiliro ya 1977, aho bavuga ibyo Burgumestri ashinzwe : "Ashinzwe kuzamura majyambere ya Komini mu bukungu, mu mubano n'ubujijuke, akabigenzurwamo n'ubutegetsi bwa Prefegitura.

Ahangaha niho ngombwa kwibutsa ba Burgumestri ko babazwa ikintu cyose kibaye muli Komini bashinzwe.

Abavuga ngo Segiteri ifite umujyanama uyishinzwe ntacyo njya kumarayo, balibeshya ! Muli segiteri umujyanama ahagaraliye Burgumestri aliko ntahamusimbura".

Ibyo bivuzwe ku Mujyanama wa Segiteri nanjye nabivuga ku rubyiruko.

Ntabwo Burgumestri n'Abafasha be bagomba kwigurutsa ibibazo by'Urubyiruko ngo rufite Ankadereri azirwaneho abirangize wenyine. Ababikora baba bibeshya rwose, bagombye kwisubiraho bagakorera Komini byimazeyo badashi ntihagira abibwira ko hali igice cy'abayituye badashinzwe.

.../...

Nongeye kugaruka ku kiganiro mwagiliwe na Ministeri y'Ubutegetsi bw'Igihugu, kubyerekeye ubulyo bugomba gukoreshwa kugirango abategetsi ba Komini barangize neza imilimo bashinzwe, " Abayobozi ba Komini bagomba gufatanya n'impuguke zose zili muli Komini cyangwa se segiteri" muli izo mpuguke halimo abakozi Komini zishyiliraho ubwazo, akaba ali nazo zibihembera.

Muli abo bakozi ashaka kuvuga abagengwa na stati y'abakozi ba Komini yashyizweho n'iteka lya Prezida n°254/03 lyo kuwa 25 Ugushyingo 1975, nabo balimo ba Enkadereri b'Urubyiruko bahagaraliye Ministeri y'Urubyiruko n'Imikino.

Muli icyo kiganiro babibukije ko "mugomba kubahiliza amategeko abagenga kugira ngo bajye bakorana umutima mwiza imilimo bashinzwe.

Mugomba kubahembera igihe kugirango bashobore kwimara ubukene n'inzara.

Muzi neza ko umushonji ntacyo ashobora gukora.

"Dossiers zabo zigomba gufatwa neza buli gihe.... Byongeye kandi mujye mwibuka ko kwirukana abakozi atalicyo gihano cyonyine kibaho muli za stati n'amategeko yose agenga abakozi ( Art. 32 ya stati)...

Ndetse igihano cyo guhagalikwa no kwirukanwa ku mulimo kigomba gutangwa n'inama ya Komini. Kikemerwa na Prefe. Umukozi uregwa agomba guhamagarwa mu Nama kugirango yiregure (aburane na dosiye ye !)

- Gutanga buli kwezi pansiyo y'umukozi muli caisse sociale.

" Birakwiye lero ko mbere yo gutanga akazi mwajya mushaka aba candida benshi, mukabaha ibizamini na none aliko mutibagiwe no gusuzuma imibereho n'imyifatire ya buli mukandida, noneho abafite amanota ya mbere akaba alibo babanza guhabwa umulimo.

Igihe tulimo sicyo kwihera akazi nkuzi gusa. Byongeye kandi Inama ya Komini niyo itanga akazi muli Komini".

Ndabona ibyo bitekerezo bitagira amakemwa, ntanicyo nakwilirwa nongeraho kirekire, uretse ko mbibutsa ko hali Iteka lya Prezida lishyira ba Ankadereri b'Urubyiruko mu maboko ya Komini, hali n'Itegeko ligenga Komini, ntabyagombye kuvundirwaho bidakulikije ayo mategeko.

Ministeri y'Urubyiruko n'Imikino yo ibemereye ko izakora uko ishoboye kugirango ibyerekeye Tekinike mu kazi no guhugurwa kw'Abayobozi b'Urubyiruko bigende neza, nayo rero irabasaba gutunganya ibibazo twabonye bishobora kuba bibaturukaho kandi byica akazi bikanadindiza ibikorwa by'Urubyiruko rw'URWANDA.

Murakoze.

/J.K/

REPUBLIQUE RWANDAISE
MINISTERE DE L'INTERIEUR
B.P. 446 KIGALI

Kigali, le 11/03/1980.
N° 345/03.09.01/16

Au Ministre
Ici nous donne une occasion de parler des problèmes des jeunes: Soutien des initiatives locales aux actions des jeunes; Conception de programmes en faveur de la jeunesse; Problèmes des encadreurs régionaux et communaux; le sport en milieu rural...

D.G Sports
Préparer un thème sur le sport
D.G Jeunesse
Condenser les thèmes ci-dessus en un seul et le préparer...

Monsieur le Ministre
.....MIJEUNESSE. (TOUS)
KIGALI

Objet: Préparation séminaire des Bourgmestres.

Monsieur le Directeur d'Etablissement Public (TOUS)
KIGALI

Kanyarushoki 19-3-80
12/3/80
2057/1.2

Monsieur le Ministre,

Monsieur le Directeur,

Très urgent

Le Ministère de l'Intérieur compte organiser un séminaire à l'intention de tous les bourgmestres comme il l'a fait dans les années antérieures.

Pour me permettre d'établir un programme riche et précis, je vous demande de me communiquer les éléments suivants:

1) Le thème que votre Département (vos services) aimerait [illegible] développer à l'intention des séminaristes.
2) Les noms du ou des conférenciers.
3) Le texte de la conférence en 3 exemplaires.

J'aimerais que les textes préparés me soient transmis au plus tard le 30 avril 1980 pour me permettre de déterminer la durée du séminaire sur base du timing des exposés. Ils doivent être élaborés en Kinyarwanda.

Le Ministre de l'Intérieur
HABANABAKIZE Thomas

HABARUSH[illegible]
Secrétaire Général

Copie pour information à:

- Son Excellence Monsieur le Président de la République Rwandaise
KIGALI
- Monsieur le Secrétaire Général du M.R.N.D.
KIGALI

Pauline
Y a-t-il eu un rapport de ce colloque ici
9/6/80

COLLOQUE SUR LES PROBLEMES AGRICOLES
KIGALI DU 14 AU 17 JANVIER 1980

PROGRAMME

| | | |
|---|---|---|
| Lundi: 14/01/1980 | 9 h | Ouverture par le Ministre de l'Agriculture et de l'Elevage |
| | 10 h | Exposé sur la Politique Nationale Agricole par le Secrétaire Général au Minagri |
| | 11 h | Travaux en commissions |
| | 12 h | Repos |
| | 14 h 30 | Pleinière |
| | 16 h 30 | Fin des travaux |
| Mardi: 15/11/1980 | 8 h | Exposé du sujet L.A.E. par le Directeur Général du Génie Rural et de la Conservation des Sols |
| | 9 h | Travaux en commission |
| | 11 h | Pleinière |
| | 12 h | Repos |
| | 14 h | Exposé du sujet: Recherche Agronomique dans le cadre du développement agricole du Rwanda par le Directeur Général de l'ISAR |
| | 15 h | Travaux en commission |
| | 16 h 30 | Pleinière |
| Mercredi: 16/01/1980 | | |
| | 8 h | Exposé du sujet: Association des cultures à l'Elevage par le Directeur Général de l'Elevage |
| | 9 h | Travaux en commission |
| | 11 h | Pleinière |
| | 12 h | Repos |
| | 14 h | Exposé du sujet: Commercialisation et stockage des produits agricoles animaux par le Directeur de l'OPROVIA. |
| | 15 h | Travaux en commission |
| | 16 h 30 | Pleinière |

.../.....

Jeudi: 17/01/1990 8 h Exposé du sujet: Vulgarisation Agricole par Directeur de la Vulgarisation Agricole

9 h Travaux en commission

11 h Pleinière

12 h Repos

14 h Rédaction du rapport

18 h Adoption du rapport

19 h Clôture par le Ministre de l'Agriculture et de l'Elevage + réception.

Kigali, le 5/9/1979......

N° 2220 /12.30

A traiter par Jeunesse
Date entrée : 6.9.79
N° Classement : 3245/12.04

**OBJET:** Colloque sur les problèmes agricoles

Monsieur le Ministre de la Jeunesse et des Sports

Le Ministère de l'Agriculture et de l'Elevage organise du 5 au 8 Novembre 1979 un colloque sur les problèmes Agricoles.

L'objectif de ce colloque est de permettre aux diverses personnes impliquées dans les activités agricoles de s'exprimer sur la situation de ces activités à l'époque actuelle. Il faudra ainsi faire le bilan de ce qui a été réalisé, dégager les points positifs et négatifs puis établir un nouveau plan d'action.

A fin d'obtenir un échange d'idée assez complet il a été choisi 6 thèmes principaux devant être soutenus par des conférenciers compétents.

Le lieu du colloque étant fixé à KIGALI, le Minagri remboursera les frais de logement et de nourriture aux participants des établissements établis en dehors de KIGALI à concurence de 4.000 Frw par jour. Ce remboursement se fera sur présentation des factures.

Nous demandons aux établissements repris sur la liste des invités de bien vouloir préparer correctement les personnes qui doivent les représnter. Les conférenciers sont également invités à bien vouloir préparer sérieusement leurs documents à temps afin d'assurer un bon succès à ce colloque.

Pour des informations complémentaires les services du Ministère de l'Agriculture et de l'Elevage se tiennent à votre entière disposition.

LE MINISTRE DE L'AGRICULTURE
ET DE L'ELEVAGE

F. NZAMURAMBAHO.-

Copie pour information à :

- Son Excellence Monsieur le Président de la République Rwandaise

K I G A L I.-

# ORGANISATION DU COLLOQUE

1. <u>Période</u>: Du lundi 5/11/1979 au Jeudi 8/11/1979
2. <u>Lieu</u>: Kigali - Centre Culturel Français.
3. <u>Sujets de discussion</u>:
   - a) Politique Nationale Agricole
   - c) L'A.E. son applicabilité au Rwanda.
   - b) Recherche Agronomique dans le cadre du développement agricole du Rwanda.
   - d) La Vulgarisation Agricole.
   - e) Commercialisation et stockage des produits agricoles et animaux.
   - f) Association des cultures à l'Elevage.
4. <u>Conférenciers</u>:

   <u>Sujet</u>: - a): Secrétaire Général Minagri
   - b): Dirgéral du Génie Rural et Conservation des Sols
   - c): ISAR
   - d): Directeur de la Vulgarisation Agricole
   - e): Directeur de l'OPROVIA
   - f): Directeur Général de l'Elevage
5. <u>Participants</u>:

| | | |
|---|---|---|
| a) <u>Parastataux</u> : | - OPROVIA | 1 |
| | - OVAPAM | 2 |
| | - ISAR | 5 |
| | - OVIBAR | 1 |
| | - OCIR-Thé | 2 |
| | - OCIR-Café | 2 |
| b) <u>Projets</u>. | - PAK | 4 |
| | - P.P.F. | 3 |
| | - Nyabisindu | 2 |
| | - S.D.M. | 1 |
| | - B.G.M. | 3 |
| | - S.S.S. | 2 |
| | - ICYANYA | 1 |
| c) <u>Agriprefs</u> | | 10 |
| d) <u>Vetprefs</u> | | 10 |

.../...

e) Ministères

| | |
|---|---|
| Présidence | 2 |
| Minter | 2 |
| Minagri | 10 |
| Minijeunesse | 2 X |
| Miniplan | 2 |
| Minasocoop | 2 |
| Minicom | 1 |
| Mineduc | 2 |
| M.R.N.D. | 2 |
| ORINFOR | 2 |

f) Enseignement

| | |
|---|---|
| Section Agri BUTARE | 2 |
| Nyagahanga | 2 |
| Nyamishaba | 2 |
| U.N.R. | 2 |

6. Déplacement.

Les invités au Colloque se déplaceront par les moyens dont ils disposent ordinairement.

7. Logements.

Plusieurs possibilités de logement existent à Kigali:
Hôtel Kiyovu, Celtar, Hôtel Moderne...
Selon les invitations prévues, il semble que 50 personnes auront seulement besoin d'être logées. Les autres étant considérées comme résidentes habituelles de Kigali.

8. Salle de réunion.

Centre Culturel Français.

9. Organisation du Colloque.

Chaque conférencier (Rapporteur) aura préparé au préalable le texte de son exposé dont il remettra les copies aux participants au moins deux semaines avant le début du Colloque. Dans ce texte il faudra faire figurer certaines recommandations.
Après chaque exposé les participants seront invités à émettre leur point de vue, en commission d'abord puis en pleinière.
Les recommandations qui seront retenues seront présentées dans un document en annexe du compte-rendu général.
Un bureau sera créé et comprendra: 1 président, un vice-président et quatre secrétaires.

.../...

10. <u>Ouverture et clôture du Colloque.</u>

Le Ministre de l'Agriculture et de l'Elevage procédera à l'ouverture ainsi qu'à la clôture du Colloque.

## C A L E N D R I E R.-

| | | | |
|---|---|---|---|
| Dimanche | : 4/11/1979 | : 14h | - Réception des participants Enregistrement au Minagri |
| Lundi | : 5/11/1979 | : 8h | - Ouverture du Colloque par le Ministre de l'Agriculture et de l'Elevage. |
| | | 9h | - Exposé sur la Politique Nationale Agricole par le Secrétaire Général au Minagri |
| | | 10h | - Travaux en commission |
| | | 12h | - Repos |
| | | 14h 30 | - Pleinière |
| | | 16h 30 | - Fin des travaux |
| Mardi | : 6/11/1979 | 8h | - Exposé du sujet L.A.E. par le Directeur Général du Génie Rural et de la Conservation des Sols. |
| | | 9h | - Travaux en commission |
| | | 11h | - Pleinière |
| | | 12h | - Repos |
| | | 14h | - Exposé du sujet: Recherche Agronomique dans le cadre du développement agricole du Rwanda par le Directeur Général de l'ISAR. |
| | | 15h | - Travaux en commission |
| | | 16h 30 | - Pleinière. |
| Mercredi | : 7/11/1979 | 8h | - Exposé du sujet: Association des cultures à l'Elevage par le Directeur Général de l'Elevage. |
| | | 9h | - Travaux en commission |
| | | 11h | - Pleinière |
| | | 12h | - Repos |
| | | 14h | - Exposé du sujet: Commercialisation et stockage des produits agricols animaux par le Directeur de l'OPROVIA. |

.../...

| | | |
|---|---|---|
| | 15h | : Travaux en commission |
| | 16h 30 | : Pleinière |
| Jeudi 8/11/1979: | 8h | : Exposé du sujet: Vulgarisation Agricole par le Directeur de la Vulgarisation Agricole |
| | 9h | : Travaux en commission |
| | 11h | : Pleinière |
| | 12h | : Repos |
| | 14h | : Rédaction du rapport |
| | 18h | : Adoption du rapport |
| | 19h | : Clôture par le Ministre de l'Agriculture et de l'Elevage + réception. |

REPUBLIQUE RWANDAISE

MINISTERE DE LA JEUNESSE
B.P. 1044 KIGALI

Pauline

Ubanze uyereke BAGOY,
25/5/79

Vu le 25/5/79

/NG.V./M.Z./

REPUBLIQUE RWANDAISE
MINISTERE DE LA JEUNESSE
ET DES SPORTS
B.P. 1044 - KIGALI

Kigali, le 17 Mai 1979

N°..586../12.06.02

Vu 25/5/79

Monsieur le Ministre de l'Agriculture
et de l'Elevage
**K I G A L I**

Objet: Séminaires sur les problèmes de l'Agriculture et de l'Elevage.

Monsieur le Ministre,

Référence faite à votre lettre n°583/12.30 du 6 mars 1979 adressée au Secrétaire Général du Mouvement Révolutionnaire National pour le Développement et dont copie me fut réservée, j'ai l'honneur de porter à votre connaissance que le Ministère de la Jeunesse et des Sports est prêt à participer aux Séminaires de réflexions et d'analyse des problèmes relatifs à l'Agriculture et l'Elevage.

Toutefois je vous demanderais de me communiquer à temps les dates, lieux et critères de participation pour chaque séminaire afin de me permettre de prendre les dispositions nécessaires.

Colonel Aloys NSEKALIJE
Ministre de la Jeunesse et des Sports.-

C.P.I.à:

- Son Excellence Monsieur le Président de la République Rwandaise
  K I G A L I
- Monsieur le Secrétaire Général du Mouvement Révolutionnaire National pour le Développement
  K I G A L I
- Monsieur le Ministre (Tous)
  K I G A L I

/R.A./M.H./

REPUBLIQUE RWANDAISE

Permanence du M.R.N.D.

B.P. 1055

K I G A L I.-

Kigali, le 19 mars 1979

N° 116/001.005.-

B. Form 29.3.79

A traiter par

Date entrée : 27 MARS 1979

N° Classement : 1011/12.04

Monsieur le Ministre de l'Agriculture et de l'Elevage

K I G A L I.

Objet: Séminaire sur les problèmes agricoles et son financement.

Monsieur le Ministre,

Jeunesse
Notre intention au MINAGRI de participer à ce séminaire
28/3/79

J'ai l'honneur d'accuser bonne réception de votre lettre n° 583/12.30 du 6 mars 1979 par laquelle vous demandez une intervention financière du Mouvement Révolutionnaire National pour le Développement dans l'organisation annuelle du Séminaire de réflexion et d'analyse des problèmes de l'Agriculture et de l'Elevage.

Votre proposition rencontre mon agrément. Par conséquent, je vous inviterais, d'ores et déjà, d'étudier les modalités pratiques pour mettre à profit votre programme à partir de cette année.

Vu le 30/3/79

Dans ce cadre, vous voudrez bien me préciser, dans votre prochain courrier, le projet de calendrier que vous vous proposez de respecter, le choix des participants et la durée de chaque session ainsi que l'estimation chiffrée de l'intervention financière du M.R.N.D. Dans la préparation de l'établissement de ce dossier, votre Département pourra requérir la collaboration des Services de la Permanence du M.R.N.D.

NGIRABEZE
projet de réponse dans le sens indiqué par le Ségéral
7/5/79

Veuillez agréer, Monsieur le Ministre, l'assurance de ma considération distinguée.

Le Secrétaire Général du M.R.N.D.

HABIMANA Bonaventure.

B. Habimana

Permanence du M.R.N.D. — REPUBLIQUE RWANDAISE — UNITE · PAIX · DEVELOPPEMENT — REPUBLIQUE RWANDAISE

Copie pour Information à:

Son Excellence Monsieur le Président de la République Rwandaise

K I G A L I.-

Monsieur le Ministre (TOUS)

K I G A L I.- MINIJEUMESSE

REPUBLIQUE RWANDAISE

MINISTERE DE L'AGRICULTURE

ET DE L'ELEVAGE

B.P. 621 KIGALI.

Cl

Kigali, le 6 MARS 1979.

N° 583/12.30

Monsieur le Secrétaire Général

du M.R.N.D.

K I G A L I.

A traiter par Jeunesse pour Info.

8/03/79

Date entrée : 7-3-79

N° Classement : 728/12.04

Vu 9.3.79

Vu 13/3/79

Monsieur le Secrétaire Général,

Le Ministère de l'Agriculture et de l'Elevage trouve indispensable d'organiser annuellement deux séminaires de réflexion et d'analyse des problèmes de l'Agriculture et de l'Elevage. Un de ces séminaires serait centré sur les problèmes agricoles (cultures vivrières et industrielles, lutte contre l'érosion, reforestation, vulgarisation et encadrement des paysans), l'autre concernerait les problèmes de l'élevage (service vétérinaire, amélioration génétique du cheptel, et surtout l'alimentation et les domaines connexes).

Etant donné l'importance incontestable de ces séminaires, je vous demande de bien vouloir en examiner les possibilités de financement dans le cadre des sessions de formation et d'informations du M.R.N.D.

Veuillez agréer, Monsieur le Secrétaire Général, l'assurance de ma haute considération.

LE MINISTRE DE L'AGRICULTURE

ET DE L'ELEVAGE

NZAMURAMBAHO F.

C.P.I.à:

- Son Excellence Monsieur le Président de la République Rwandaise à KIGALI.
- Monsieur le Ministre (Tous)

MINIJEUNESSE